REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2020

10 Kamena 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% mu kwezi gushize kwa Gicurasi 2020 ugereranyije na Gicurasi 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa kane (Mata 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,2% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 11,5%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 19,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 23,9%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2020 na Gicurasi 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 8,1%.

Wagereranya ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2020) n'ukwezi kwa kane (Mata 2020), ibiciro byazamutseho 2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 21,8%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Gicurasi 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,5% ugereranyije na Gicurasi 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kane (Mata 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 11,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 10,5% mu kwezi kwa Gicurasi ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,4%,ibiciro by'ibinyobwa

bisembuye n'itabi byazamutseho 21,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 21,4%

Ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2020) n'ukwezi kwa kane (Mata 2020), ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,6%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gicurasi 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,9% ugereranyije na Gicurasi 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kane (Mata 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 10,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,9% mu kwezi kwa Gicurasi 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 13,5% ,ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 23,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2020) n'ukwezi kwa kane (Mata 2020) ibiciro byazamutseho 0,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,7%, n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 21,4%

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2019 kugeza muri Gicurasi 2020.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2019 kugeza muri Gicurasi 2020**
*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2019<br>05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 2020<br>01 | 02 | 03 | 04 | 05 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 | 4,4 | 6,9 | 6,7 | 7,3 | 8,7 | 8,5 | 8,0 | 9,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 | 9,2 | 15,5 | 15,8 | 14,6 | 17,1 | 16,5 | 11,7 | 10,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 | 7,2 | 11,8 | 11,9 | 11,5 | 13,5 | 13,1 | 10,1 | 9,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 | 0,6 | 1,9 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,0 | -0,2 | 2,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 | 1,9 | 5,2 | -1,1 | -1,1 | 1,8 | 2,5 | -3,0 | -0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 | 1,4 | 3,8 | -0,8 | -0,4 | 1,7 | 1,9 | -1,8 | 0,7 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw